Inyandiko y'ibanze y'Imaragishyika

SHIRIGISHYIKA-RWANDA

Colin NSHUTI Jacques

RAMI-IMARAGISHYIKA

Muvoma y'Impinduramatwara ya Rubanda rw'Abanyarwanda

<ramiimaragishyika@cumallover.me>

Gicurasi, 2020

Ibirimo

Iriburiro 3
Impamvu y'iyi Nyandiko 5
ICYICIRO CYA MBERE 7
"RAMI-IMARAGISHYIKA" MUVOMA Y'IMPINDURAMATWARA YA RUBANDA RW'ABANYARWANDA 7
INTANGIRIRO 7
Amavu n'amavuko bya RAMI-IMARAGISHYIKA 8
Kuki Rami-Imaragishyika 11
Intego za RAMI-IMARAGISHYIKA 14
1. UBWENEGIHUGU 14
2. UBUTABERA 14
3. UBWISANZURE 15
Porogaramu za RAMI-IMARAGISHYIKA 15
Indahiro yo kwinjira muri RAMI-IMARAGISHYIKA 17
Icyo bisobanuye kuba Imaragishyika 17
Abo tutaribo 18
Ibyo muvoma igomba Imaragishyika 18
Indangagaciro za muvoma 19
Inzego z'imiyoborere za RAMI-IMARAGISHYIKA 19
ISHAMI RYA POLITIKE 20
ISHAMI RYA GISIRIKARE 21
Ibyo tudakeneye 21
IGICE CYA KABIRI 23
"UBUMARAGISHYIKA" UMURONGO W'IBITEKEREZO BYA RAMI-IMARAGISHYIKA 23
Intangiriro 23
IGICE CYA GATATU 34
INTAMBARA Y'IMPINDURAMATWARA YA RUBANDA RW'ABANYARWANDA 34

Kubera iki inzira y’intambara 37
UMWANZI DUHANGANYE NAWE 39
Inkomoko y’abambari ba Sekibi 40
INSHUTI ZACU 47
UBURYO BW’IMIYOBORERE MU NTAMBARA Y’IMPINDURAMATWARA 49
UBURYO BWA RAMI-IMARAGISHYIKA BWO KURWANA INTAMBARA Y’IMPINDURAMATWARA 54
ITEGEKO RY'IBANZE N'INGINGO ISOZA 57

Iriburiro

Ku izina ry'Imana nyir'impuhwe n'imbabazi, yo yonyine ishobora-byose ndetse ikadushoboza byose, yo yaremye Urwanda n'Abanyarwada. Ku mpirimbanyi z'ukuri n'amahoro, zarwanye intambara yo kwigenga amanywa n'ijoro, maze bakandikisha amaraso yabo interuro z'ubutabera n'ubwigenge. Turahamagarira isi yose by'umwihariko abanyarwanda bose gusenya FPR-INKOTANYI, n'ibikorwa byayo aho byaba biri hose mu isi. Turahamagarira buri wese, kurimburana imizi imyizerere yose y'ubuhakanyi bw'ihame ry'uburenganzira busesuye bw'ikiremwa muntu, ryo ipfundo ry'ubunyamaswa bw'ibikorwa bya GIKOTANYI.

Benekanyarwanda kuva kera na kare bahuye ni ngorane, akarengane, ikandamizwa, n'ubusumbane, byahumiye ku mirari ubwo RPF-INKOTANYI n'abambari babo bafataga Urwanda muri 1994, aho kuva icyo gihe amaraso ya rubanda yabaye ikintu cya mbere gicirirtse mu isi mu maso y'inkoraramaraso z'ibigoryi. Amaraso y'abana b'Urwanda yaratembye kandi aracyatemba, cyane cyane mu Rwanda, Republika iharanira demokarasi ya Kongo, Uburundi, Uganda, ndetse n'ahandi henshi mu isi. Iyicwa ry'abanyarwanda muri Mozambike na Malawi ryashyize akadomo ku kigero cya nyuma abanyarwanda bashobora kwihanganamo.

Kur'ibyo rero mu izina ry'Imana yo yahanze Urwanda: Itegeko ryo kwica inkotanyi n'abambari bazo aho bari hose, gusenya no kurimbura ibikorwa byabo byose ku butaka bw'Urwanda ni inshingano n'akazi ka buri wese. Ibi bigomba gukorwa hatitawe ku kuba hari benshi bamaze kurya umwanda wa gikotanyi, kuko intama yaraye mu birura, idashobora kongera gusubizwa mu mukumbi. Ikizira kigomba kurimburwa mu gihugu nta n'igisigisigi gisigaye. Kugira ngo tubohore ubutaka bwera bw'abakurambere mu maboko y'ikibi, buri munyarwanda wese ku bushobozi bwe atagombye kwimuka aho atuye afite gukora buri kimwe mu guhashya umwanzi. Inkotanyi n'ibikorwa byabo biri hose, niba bidakunda kubohereza ikuzumu, ntawananananirwa gusenya ibikorwa byazo bimwegereye, biri hose mu bisenyagure. Si ngombwa ko umuntu ava mugace atuyemo, ngo agire aho ajya kugira ngo umwanzi arimburwe. Ibikorwa byabo bigomba gusenywa mu rwego rwo kubambura ibikoresho n'amikoro byo guhiga benekanyarwanda bukware. K'umwe n'ubushobora byose-bw'Imana, dushyize hamwe imbaraga mu kurwanya

abahakanyi n’ikizira ku butaka bwera, tukarwana kugeza igihe nta munyarwanda n’umwe uzaba agisembera!

Intambara yo kurimburana imizi FPR-INKOTANYI n’abambari bayo ni inzira y’ingenzi ya buri muntu wese yo kugira ngo buri kiremwa muntu cyose kigere ku burenganzira n’ubwisanzure bisesuye by’umwihariko kuri buri munyarwanda. RAMI-IMARAGISHYIKA, iributsa buri wese ko muri iyi ntambara duhamagarira buri wese ko izi nkotanyi na bambari bazo tugomba gusenya, batumva uburyo ubw’aribwo bwose bw’ibiganiro n’ubwumvikane, rero nta mwanya na muto wo gutakaza mu kuganira n’abahakanyi karundura. Ahubwo icyo ibi biremwa by’umwijima bikeneye ni ukumvikana na kalacinyikovu n’amasasu, bakabona ibyitwa ibyabo byose bisenyagurikira icyarimwe, no kumvikana na za burende bakabona ukuzimu kongera kwasama ngo kubamire, nk’uko kwasamye ubwo kwaboherezaga ku isi. Bikwiye kumvikana ko uburenganzira n’ubwisanzure bwa rubanda rw’abanyarwanda budashobora kugerwaho binyuze mu biganiro no mu nama zidafite shinge na rigero. Guca ingoyi yagize abanyarwanda abacakara mu gihugu cyabo bizagerwaho gusa hifashishijwe ukwemera n’inkota mu biganza, imbunda n’impapuro, amasasu n’ikaramu.

Amahoro n’imigisha bigume kuri bashiki bacu Inkotanyi zataburiye ibishura. Ihumure n’ibyiringiro bibe ku bana bagizwe imfubyi n’ababyeyi bagizwe incike. Umuvumo ku nkotanyi n’abambari bazo, bitinde cyangwa bitebuke aba baraza kumva biyanze, bifuze urupfu barubure kuko imivu y’amaraso y’inzirakarengane, ibamanuriyeho umujinya w’Ushobora-Byose.

Colin NSHUTI Jacques

Impamvu y’iyi Nyandiko

Inzirakarengane zarishwe, abagore n’abagabo bagizwe abapfakazi, abana bagizwe imfubyi, abakobwa b’amasugi n’abahungu b’imanzi bafashwe ku ngufu, maze inkoramaraso zambikwa imidari y’ubutwari.

Nyuma yo guca ingoma ya cyami muri 1959 no guhagarika ubukoroni buhutiyeho, Abayobozi b’igihugu cyacu bakomeje kuyoborera no kwihisha mu bitugu bwa ba rugigana. Aba bayobozi baje kuba abanyabyaha n’inkoramaraso kabuhariwe kurenza n’abakoloni ubwabo. Abana b’Urwanda bakomeje kurengana no gutotezwa kurenza n’uko byari bisanzwe.

Abo bayobozi bateye benekanyarwanda benshi kugwa ishyanga, abandi babafungira muri za gereza zuje abahanga mu gutoteza, haba ku mubiri cyangwa mu ntekerezo. Aha nyuma yaho ababyeyi n’abana, abavandimwe n’abavandimwe batangiriye gusubiranamo, ni urwo rufunguzo rwafunguriye ibinyamaswa bw’ubukana buruta ibindi, n’uko ukuzimu kurasama kurekurira ikizira kiruta ibindi ku butaka bw’Urwanda. Ikibi kiyemeza kuboha benekanyarwanda imyaka n’imyaniko. Abanyarwanda b’ukwemera guhamye, ntibashoboraga kwemera kuyoboka inzira z’umwijima, barahaguruka batangira urugendo rwo kurwanya ikizira ku butaka gakondo. Kuko inkoramaraso zitagombaga guhagararira aho, zatangiye gushaka guhanagura impamva za nyazo zo kubaho k’Urwanda n’abanyarwanda, zitangira gukwirakwiza imyizerere y’ubuhakanyi n’ibinyoma mu rubyiruko.

Aba bana b’ikibi n’abambari babo batangiye ku mugaragaro gushinga amashyirahamwe yo kurimbura umuco nyarwanda, bashinga ibigo bishinzwe guca ururimi rw’igihugu, bashinga inzu n’ibigo byo gucuruza amagara, mu rwego rwo guhindura igihugu sodomo na gomora. Intego yabo ari ukugira igisekuru cy’urubyiruko rw’imburamumaro n’abambari ba sekibi. Aba bahakanyi, bakoresha uburyo bwose kugira ngo tugire abanyarwanda badafite na kimwe bazi uretse ibyo inkoramaraso zifuza ko bamenya. Batagira icyo bavuga, uretse icyo zishaka. Badashobora kubaho mu buzima bifuza, uretse ubwo zibifuriza. Badashobora no kwiyambika, uretse imyambarire zifuza. Ariko, Umwami w’abami ntiyatinze kubatamaza. Abantu bapanga,

Imana nayo ipanga, kandi nta wahinyura imigambi y’uhoraho, kuko umubare munini w’urubyiruko rwarezwe n’izinkozi z’ibibi rwaje gukanguka rukava ibuzimu rukajya ibuntu rukagarukira Uhoraho-Imana yo yahanze Urwanda, rukicuza, rukihana ndetse rukaganduka.

Uru rubyiruko rwagandutse rwasanze ko RAMI-IMARAGISHYIKA ari inzira rusange ya rubanda rw’abanyarwanda rwo kugera ku bwigenge n’ubwisanzure busesuye, kandi ko ikizira kizaneshwa binyuze mu kwemera mu Mana n’inkota mu biganza. Uyu mujinya n’uburakari ni ingaruka z’urukundo rw’ubutaka bw’isezerano, n’umuhate wo kurengera rubanda rutagira kivurira. Inkoramaraso z’abahakanyi ntizigeze zihinduka. Abambitse ikamba umwicanyi ruharwa Paul RWARAKABIJE, ni nabo bishe intumwa y’amahoro KIZITO MIHIGO. Uru rubyiruko rusobanukiwe neza ko ubutegetsi bwa rubanda rw’abanyarwanda bugomba kugerwaho gusa hifashishijwe ibiturika n’itwaro, niyo mpamvu benshi bahagurukiye itabaro bakagenda batanasezeye ngo batabare rubanda. RAMI-IMARAGISHYIKA, ntishobora kugirana ibiganiro n’inkoramaraso z’abahakanyi, uretse kuzirimburana n’imizi yazo.

Iyi nyandiko ni ingenzi kuri buri wese ubangamirwa n’ukurenganywa kw’ikiremwa muntu. Iyi nyandiko igaragaza icyo RAMI-IMARAGISHYIKA irwanira n’uburyo izagera ku ntego zayo. Muri Shirigishyika-Rwanda, harimo amavu n’amavuko bya muvoma n’indangagaciro zayo, intego n’amahame byacu. Shirigishyika-Rwanda ni inyandiko ikwiye guhora hafi ya buri munyarwanda wese, mu rwego rwo guhora yiyibutsa ibikubiyemo no gudateshuka ku mpamvu yo kubaho k’Urwanda n’abanyarwanda

Inyandiko Shirigishyika-Rwanda, igizwe n’byiciro bitatu. Icyiciro cya mbere kivuga kuri Muvoma, kuva ku mavu n’amavuko kugeza ku mpamvu ariyo nzira yonyine ikwiye yo kubohera Rubanda. Icyiciro cya kabiri gikubiyemo by’umwihariko umurongo w’ibitekerezo bya Muvoma “UBUMARAGISHYIKA”, aho muvoma igaragaza aho ihagaze ku ngingo z'ingenzi mu buzima rusange by’abaturange, kuva ku kijyanye na jenoside yo muri 1994, kugeza ku miterere-moko ya benekanyarwanda. Icyiciro cya gatatu ari nacyo cya nyuma gikubiyemo ibyerekeye “Intambara y’impinduramatwara ya Rubanda rw’Abanyarwanda”, iki gice kirasobanura impamvu y’inzira y’intambara, n’uburyo izarwanwa.

ICYICIRO CYA MBERE

“RAMI-IMARAGISHYIKA” MUVOMA Y’IMPINDURAMATWARA YA RUBANDA RW’ABANYARWANDA

INTANGIRIRO

Kuva 2017, RAMI-IMARAGISHYIKA yakomeje kugaragaza umuhate n’umurava mu bikorwa byo gushakira umuti urambye ibibazo by’ingutu by’ugarije Urwanda n’Abanyarwanda. Impirimbanyi nyinshi zasezeye ababyeyi babo, abana babo, n’imiryango yabo mu gufata iya mbere mu kurinda imiryango n’inshuti zabo abanzi bagambiriye kutugirira nabi ndetse no kurinda indoto z’abanyarwanda. Kuva ku ntangiriro yo gukura abanyarwanda ku ngoyi, tumaze kuba muvoma imaze kugaragaza ubudasa mu rugendo rw’impinduramatwara. Turi muvoma igizwe n’abanyarwanda b’ingeri zose, aho imbaraga zacu ziva mu guhuza imbaraga za buri umwe. Ubushobozi byacu buva mu kudatezuka mu kwihugura n’imyumvire yo kurwana kugeza ku wa nyuma.

Kuva ku ishingwa rya muvoma kugeza ubu, Imaragishyika zikorana umurava n’ubutwari aho mu gihe bahangana n’umwanzi akenshi uba afite ibikoresho bihambaye n’ikoranabuhanga ryo hejuru. Ariko gukorera ku ntego ntakuka no kugira ubushishozi mu bikorwa bya buri munsi bifasha muvoma kugera ku rwego iriho ubu. Kugira ngo dutsinde iyi ntambara y’impinduramatwara, hagomba imyitozo iboneye, ikinyabupfura, n’imyumvire yo guhangana kugeza ku wa nyuma. Ku bw’ibyo umubare mu nini w’abaturage banyotewe n’impinduramatwara bagomba guhindurwamo imaragishyika (impirimbanyi z’umwuga). Ni muri urwo rwego **“Shirigishyika-Rwanda”** nk’inyandiko y’ibanze, buri mpirimbanyi ikwiye kuyitwaza nk’intwaro ntakuka muri iy’intambara y’impinduramatwara ya rubanda rw’abanyarwanda. Ni ukwifashisha **“Shirigishyika-Rwanda”** mu rugendo rwo kuba Imaragishyika Iteka Ryose.

Amavu n’amavuko bya RAMI-IMARAGISHYIKA

Ntago turi rubanda ruhumishijwe n’ibikorwa by’urugomo igihe ubutaka gakondo bushobora kubohozwa hakoreshejwe ubundi buryo bw’amahoro. Tuzi neza ko abaturage badashobora kuyoboka ihuriro rigamije gushora igihugu mu ntambara y’abaturage uretse gusa akarengane kamaze kugera ku rwego katakwihanganirwa, n’igihe izindi nzira sose z’ibiganiro zifunze mu kwimakaza ibitekerezo by’abaturage. Twemera ko ari icyaha gushoza no guhembera intambara ishobora kwirindwa, kandi bikaba n’icyaha kunanirwa kurwana intambara idashobora kwirindwa.

RAMI-Imaragishyika, ni Muvoma y’Impinduramatwara ya Rubanda rw’Abanyarwanda. ikaba yaratangajwe ku mugaragaro Tariki ya 20 Nyakanga 2018. Kandi igishingwa ku bitekerezo by’abana b’Urwanda. Nyuma y’ikinamico y’amatora ya Peresida wa Repubulika y’Urwanda, yo muri 2017 yabaye hamaze gutobwa itegekonshinga ry’Urwanda muri 2015; bamwe mu rubyiruko ruhangayikishijwe n’imibereho ya buri munsi y’abanyarwanda; barangajwe imbere na Colin NSHUTI Jacques, Tariki ya 24 Kanama 2017 I KIGALI hasojwe inama yamaze amasaha asaga 42 yigaga ku bibazo by’ingutu byugarije Urwanda n’Abanyarwanda, n’uburyo byakemukamo.

Ha nyuma yo kwigana ubwitonzi n’ubushishozi amateka y’igihugu cyacu kuva mu mwaka wa 1081, ari UBWAMI BW’U RWANDA, kugeza munsi wa none, aho rw’itwa REPUBULIKA Y’URWANDA;

Nyuma yo gucengerwa n’inyigisho z’intambara yo guca burundu ingoyi z’ingoma ya gihake na gikoronize mu RWANDA, ali nabyo byahamijwe kuwa 1 Nyakanga 1962, umunsi abana b’u Rwanda baboneragaho ubwigenge bw’igihugu cyabo; ariko amaraso y’abanyarwanda yamenekeye muri ibyo bikokorwa, akaza kugirwa imfabusa muri coup d’état yo mu w’i 1973;

Nyuma yo gususuzumana ubwitonzi umurongo w’ibitekerezo RPF igenderaho, nkuko bizwi ikaba ikomoka kuri UNAR ariyo RANU, iyi ngengabitekerezo ikaba yaratangiye mu w’i 1957 ariyo yitwa “UBUTEGETSI BUTUNZWE”! aho ibyiza byose by’igihugu ari “UMURAGE”;

Nyuma yo kubona ko; igihugu kirimo ibice: igice cy'abahezanguni ba RPF/crystal ventures n'igice cya rubanda rugufi;

Nyuma yo kubona ko; umunyagitugu PAUL KAGAME na RPF ye, bakoresha amahame y'itonesha mu nzego zose z'igihugu, hifashishijwe RDF na CRYSTAL VENTURES nk'imashini za RPF, mu gukandamiza rubanda, kugeza aho yifuza ko abaturage bakwicwa n'inzara kandi bakanabura imyambaro;

Nyuma yo kubona ko; PAUL KAGAME na RPF, bananiwe gucyura impunzi, ahubwo bagahitamo kuzongera, no kubohera abanyarwanda muri za gereza;

Nyuma yo kubona ko; PAUL KAGAME, atanyotewe na busa n'amahoro, ahubwo; akomeje gutumberera gutera ibindi bihugu, agamije kurimbura abanyarwanda banze kwemera gukandamizwa n'igitugu cya RPF, kandi batakwihanganira gupfira mu bihome biri mu mpande zitandukanye z'igihugu;

Nyuma yo kubona ko; PAUL KAGAME, atabashije kugeza abana b'u Rwanda k'ubwisanzure na demokarasi, kuko ntawe utanga icyo adafite; ahubwo akifashisha ingabo za RDF zibeshyera ko ari iz'abanyarwanda mu guhutaza ubusugire n'uburenganzira bw'abenegihugu. Bakanabihamiriza ku mugaragaro ubwo bamurekaga agatoba ITEGEKONSHINGA mu w'i 2015, kandi bakagombye kuririnda, Ibi bigatuma ubu abanyarwanda nta tegeko na rimwe bafite ryo kubarengera;

Nyuma yo kubona ko; PAUL KAGAME, n'abaheza nguni ba RPF, bitwaje gahunda y'uburezi kuri bose maze, bakangiza Urwanda rwa none n'urwejo, kugira ngo bagume bibeshya ko biga, batazi ko batozwa kuzavamo abacakara baboneye; mu gihe, abana ba bahezanguni ba RPF n'imashini yayo crystal ventures bafata uburezi bwuzuye batozwa kuzavamo abambari bagomba gufasha PAUL KAGAME gukomeza gutoteza abanyarwanda;

Nyuma yo kubona ko; PAUL KAGAME na RPF-INKOTANYI, banze ibiganiro n'ibitekerezo by'abana b'u Rwanda by'uburyo umudendezo w'abanyarwanda ukwiye gusugira ugasagamba, ahubwo agakomeza gutegeka abanyarwanda uko yishakiye, yirengagije ko umutwe umwe wigira

inama yo gusara, none we nk'umukuru w'i gihugu umutwe we ubwe; ukaba waramugiriye inama yo kurimburira abanyarwanda ishyanga no mu ma gereza, bigatuma bari bamaze imyaka makumyabiri n'ine yose bibombaritse, ariko bakaba barasanze badahagurutse bakomeza kwicwa urusorongo.

Ku bw'ibyo rero bidasubirwaho hafashwe umwanzuro wo gushinga Umuryango RPU (Rwandan People's Union)-Imaragishyika wo waje guhindurirwa izina ukitwa Muvoma RAMI (Muvoma y'Impinduramatwara ya Rubanda rw'Abanyarwanda)-IMARAGISHYIKA, igamije guca no gukuraho ingoyi y'ubucakara n'ubutegetsi bw'igitugu mu Rwanda, maze igashyiraho ubutegetsi bwa rubanda, buhuriweho n'abaturage b'Urwanda.

Ibyo bikagerwaho binyuze; mu kwifatanya n'abanyarwanda bose kuva ku bana kugeza ku bakambwe aho bari hose mu bice by'isi kandi buri wese n'icyo abashije gukora.

Hiringiwe UBUSHOBORA-BYOSE BW'IMANA; kandi, hitegerejwe ubuzima abanyarwanda bakagombye kabaho; twatangaje kandi dutangiza ku mugaragaro ibikorwa by'intambara y'impinduramatwara y'abaturage b'Urwanda aho bari hose mu isi, yo guca ingoyi y'ubucakara iboshye abanyarwanda kuva mu myaka myinshi itambutse.

Binyuze mu kwibutsa abantu bose ko buri munyarwanda wese agomba kugira aho abarizwa. Ko ntawe ugomba kwicara ngo ategereze ko abandi bazamutabara maze ngo we aterere agati mu ryinyo.

Binyuze mu kubona ko; intwaro abaheza-nguni ba RPF-INKOTANYI batarenga mu bihumbi baba bafite zose, zitarimbura abaturage basaga mu ma cumi ya ma miliyoni y'abaturage. Biryo rero nta gisibya insinzi tugomba kuyigeraho bitinze cyangwa vuba, byose bigaterwa n'uburyo dukomeza kwitabira ibikorwa by'impinduramatwara. Byumvikane neza ko; tudateze na rimwe gutezuka tutageze ku nsinzi rusange ya rubanda.

Nanone kandi binyuze mu kwibutsa; ibihugu by'amahanga n'imiryango ibishamikiyeho ko nk'uko byavuze ko; bitabonaga ko uburenganzira bwa muntu bwa honyorwaga mbere yo mu w'i 1994, ubu twizeye tudashidikanya ko; ntacyo kwireguza gihari, maze nabo bakabadukira rimwe

nk’abitsamuye, mu gufasha abanyarwanda kwikiza umukoronizateri mushya Urwanda rwibarutse, maze nabo bakazashimishwa no kubona abanyarwanda bafite ubwisanzure, n’umudendezo nkuko nabo babiharaniye kandi bakabigeraho mu bihugu byabo.

Kandi, nta ngingimira twashyizeho; ingingo isumba izindi igira iti “KUVA NONE KUGEZA ITEKA RWOSE, TWANZE UBUCAKARA N’UBUHAKE N’IGISA NABYO CYOSE, NKUKO ABASEKURUZA BACU BABIRWANIYE KANDI BAKABIGERAHO MU NTAMBARA Y’UBWIGENGE.” Ubu natwe; turahamya neza ko twumva, tukanasobanukirwa imbaraga n’umuhate abakurambere bacu bakoresheje. Tukaba tugiye kubihamiriza; muri iy’intambara y’impinduramatwara twigobotora i ngoma ya PAUL KAGAME n’abambari be, Tugira duti; » NTITWAKWEMERA GUKOMEZA KUGARAGUZWA AGATI, KIRAZIRA UBWO BWABA ARI UBUGWARI TUTARAZWE”. Twaboneyeho kandi na none; kwibutsa abambari ba RPF-INKOTANYI bashaka guca iyo ngoyi ibaboshye, kugira vuba na bwangu, amazi atararenga inkombe.

Kuki Rami-Imaragishyika

Hari impamva amagana n’amagana, abanyarwanda n’inshuti z’urwanda bagomba guhagurukira rimwe nk’abitsamuye bagatera rubanda ingabo mu bitugu. Izo zikaba ari nazo mpamvu zigomba gutuma bamwe mu banyarwanda baca ukubiri n’amashyaka basanzwe babohweyemo.

Mu nkundura yo guca Ubutegetsi bwa Cyami, uburetwa n’ubuhake; amashyaka, za muvoma, amashyirahamwe n’amahuriro byarashinzwe ngo himikwe Repubulika na demokarasi, ibikorwa ubu utanamenya ko byanigeze bibaho, ibi mu kanya nkako guhumbya byari bigeye gukurikirwa n’ubutegetsi bw’igitugu n’ironda koko n’uturere. Hadateye kabiri agatsiko k’abahezanguni b’abanyarwanda (abatutsi, abahutu, n’abatwa) bafatanyije na bamwe mu ba Hima, abanyamurenge ndetse na bamwe mu bazungu batangiza agatsiko kiswe Tri-star/Crystal Ventures kaje gushinga RPF-INKOTANYI. Aka gatsiko kakaba karatangijwe n’abantu banze gukurikiza umurongo mu gari w’isi wo kw’imakaza amahame y’uburenganzira bwa muntu na demokarasi, maze bahitamo kwigumura ku mugaragaro ngo bimakaza ingengabitekerezo yabo y’uko hari abagomba gutungwa n’imyiza by’igihugu maze abandi basigaye bakaba abacakara

babo. Nyuma yo guhuza no kunonosora umugambi n'ibwo baje kwigarurira Urwanda maze bakimakaza iyo ngengabitekezo yabo, nguko uko Abanyarwanda baje kuba abacakara mu gihugu cyabo.

Nyuma yaho INKOTANYI zimariye gutera no kwigarurira igihugu amwe mu mashyaka yari yarahuje amaboko n'inkotanyi yatangiye kwitandukanya na zo nyuma yo kuvumbura umugambi wazo, naho andi yemera gukomeza gukorana na zo no gucinya inkoro akenshi bitewe n'inda mbi kandi nini, kugeza kugigero cyo kwemera kugurisha igihugu cyabo, mu gihe andi mashyaka yo na n'ubu ataranasobanukirwa n'uko ikibazo giteye. Kuri ubu abanyamuryango ba Tri-star/Crystal Ventures bagereranywa nka Abakoroni, mu gihe abanyamuryango ba RPF-INKOTANYI bagereranywa nk'abatware bo mu gihe cy'ubukoroni.

Aba banyepolitike ba rupigapiga b'inda mbi zabarenze, bagurishije Igihugu ku nkotanyi naba rugigana, batanzeho ibitambo benekanyarwanda ngo ibifu byabo bibashe kuzura, ariko ay'ubusa na magingo aya imidigi yabo iracyasamye nk'amarembo y'ikuzimu. Aba bakinguye amarembo y'ikuzimu n'uko sekibi ava ikuzimu ajya ku isi, nawe abagororera ko bamubera abadayimoni. Kuva umunsi Inkotanyi zashingwagaho ikizira cyari giteye isi, intambara abantu batari barigeze batekereza ko izamara igihe kirekire, igatwara byinshi na benshi yari itangiye. Ishyano ryari rigwiririye isi.

Kubera izo mpamvu rero rubanda rw'abanyarwanda ntirufite amahitamo ahamye y'ishyaka ryo kuyoboka ngo ribafashe kwisubiza uburenganzira bwabo, kuko ayo bagerageje kuyoboka iyo basanze atari baringa zashinzwe n'inkotanyi, aba ari agomba ku batangaho ibitambo no kubarya imitsi. Aha icyo abanyarwanda bakwiye kumenya n'uko, aya mahuriro n'amashyaka bazasanga agihembera urwangano, mu rwego rwo gukomeza gucamo ibice benekanyarwanda ngo badahuza imbaraga mu guhashya umwanzi. Ikindi kandi usanga nta murongo ufatika wo kugira aho bakura no kwerekeza Urwanda n'abanyarwanda, uretse kwiririmbishwa demokarasi n'amajyambere nyamara nta buryo na bumwe bwo kubigeraho bashobora kugaragariza abayoboke babo, uretse kwirirwa basahura imisanzu yabo, ndetse mu kanya nkako guhumbya bakisanga mu ma kasho y'ikotanyi nta n'ushobora kusa ikivi bari bateruye. Aha byose abanyarwanda bazabibonera ku

kuntu iyo abayoboke bayo mahuriro iyo bagize ibyo basobanuza, ingirwa bayobozi bayo bahite bitandukanya nayo ndetse nta no gutinda bagahita batangiza andi mashyaka, atanagize kinini atandukaniyeho nayo baba barashinze mbere, ibi babikora mu rwego rwo kuyobya uburari no kugabanya igitutu cya rubanda, ariko bararushya n'ubusa akabo karaza gushoboka. Ahanini izi njiji z'abagambanyi uzazibwirwa n'uko, uzasanga zirirwa zivuga ko zikeneye gukuraho ubutegetsi bwa Kigali, bivuze ko ubutegetsi buhindutse cyangwa bakabuhindura nabo babukorera mu ngata, bisobanuye ko barangajwe imbere n'irari ry'ubutegetse. Hari n'abadatinya gusaba Inkotanyi ngo bahurire mu biganiro, bakirirwa basakuza hirya no hino ngo barashaka abahuza mu mishyikirano biratangaje, "ugeze mu rugo usanga igisambo inzu cyayejeje, wavumbura ubwihisho bwacyo, ukajya ku kinginga ngo kikugarurire ibyo cya kwibye"! ntago byumvikana ukuntu hari bamwe mu banyarwanda babashije kugera ku kigero gicirirtse cy'imitekerereze bene aka kageni, aba nti bishobora no kumenya ko nta muhuza w'umuhanga ushobora kongera guhurira n'Inkotanyi kumeza, kuko bazi neza ko izi nkoramaraso zitajya zemera inzira z'ibiganiro n'amahoro.

Impamvu z'uko abanyarwanda bose nta n'umwe usigaye bakwiye guhuriza imbaraga zabo zose muri RAMI-IMARAGISHYIKA; n'uko, Muvoma itarwanya umuntu runaka ahubwo igambiriye guca burundu ingengabitekerezo ya GIKOTANYI mu buzima bw'abanyarwanda, no gukura ikizira ku butaka bw'igihugu. Ntifite kubwira rubanda icyo gukora, ahubwo igomba gushyira mu bikorwa ibyifuzo by'abaturage. Ntigambiriye kuzamura abantu runaka, ahubwo igomba guhindura ubuzima bwa buri mu nyarwanda. Ntiyemera ko inzira y'ibiganiro gusa ishobora gusubiza abanyarwanda igihugu cyabo. Ntiteganya kuboha no kwica urubozo Inkotanyi nk'uko zibikorera abanyarwanda, aha buri wese agomba kuryozwa ibingana n'ibyo yakoze, ntawe ushobora kuryozwa ibyaha by'undi. Yiteguye kurwana kugeza nta n'umwe ugihumeka, cyangwa insinzi rusange igezweho. Ntishobora gutezuka na gato ku ntego n'amahame byayo, ngo igambirire kurengera rubanda banyuze mu nzira z'ibusamo, uru rugamba rurakomeye kandi ruzatwara byinshi na benshi, hatirengagijwe ko rugomba no kumara igihe kirekire. Iyo bitaba ibyo byagakozwe n'undi ubonetse wese, niyo mpamvu hagombye kutegerezwa igihe cya nyacyo

n’abantu banyabo kugira ngo benekanyarwanda, inzozi zabo bazigire impamo. “URUMURI RUVA KU MANA RUZAKOMEZA KUMURIKIRA IBIKORWA BYACU”

Intego za RAMI-IMARAGISHYIKA

1. UBWENEGIHUGU

Kuva Urwanda rwatangira guturwa, mbere y’ubukoroni; abanyarwanda bagumye gusiragira mu ntambara zo kwagura igihugu; mu gihe cy’ubukoroni, bajyanywe bunyago abandi baratarara hirya no hino, nyuma y’ubukoroni; nkaho bashyize hamwe ngo bubake igihugu ahubwo bakomeza ku maranira ubutegetsi. Ubu n’inde watinyuka, abaye azi neza icyo izina “IGIHUGU” risobanuye agatinyuka akatura akavuga ko “URWANDA” rubaho?

Kuri ubu abanyarwanda bakwiye imishwaro mu isi yose, abatabaye ibigwari ngo biyambura ubu nyarwanda aho bihishe barahigwa bukware ngo bicwe. Abemeye kugaraguzwa agati nabo, ubu ni abacakara mu gihugu cyabo, baricwa urusorongo rimwe na rimwe bitewe n’uko ingoma y’igitugu iba imaze kuba kuramo umusaruro yari ibategerejeho. Abanyarwanda rero bakwiye kugaragaza ko koko bakwiye kwitwa abanyarwanda, buzuza inshingano z’abenegihugu, bakamenya ko buri munyarwanda wese afite umugabane ku gihugu yarazwe n’abasokuruza bamaze kukimera amaraso. Kandi abanyarwanda bafite kumenya ko nta gihugu kitwa ubuhunzi, maze ngo kigire abaturage b’impunzi, niyo mpamvu abanyarwanda aho bari hose mu isi bagomba kumenya ko ubwenegihugu bwabo bwa mbere ari “UBUNYARWANDA”, kandi bagomba kuburinda. Icyo gukora nta kindi rero n’uguhagurukira rimwe nk’abitsamuye abanyarwanda bakisubiza igihugu cyabo.

2. UBUTABERA

Bene kanyarwanda banyuze muri byinshi, byiza n’ibibi, bakoze amateka, meza n’amabi, urusaku rw’amarira y’abarenganyijwe ruromongana mu bikombe by’inkingi zose z’isi. Kuri ubu, mwene kanyarwanda ugize icyo atishimira abagwa nk’itungo, akaborera mu gihome cyangwa akajya kwa ngara hirya no hino mu isi. Akarengane mu Rwanda, kamaze kugera ku rwego rutakwihanganirwa n’umuntu uwariwe wese uzi agaciro k’ikiremwa muntu. Niba rero bimaze

kugaragara ko nk’ibisanzwe ntaw’undi muntu cyangwa, igihugu cyashobora kumva ubusabe bw’abana b’urwanda; igihe kirageze cyo kutongera gusaba ubutabera ukundi, ahubwo bahaguruka bakabwiha. Igihe benekanyarwanda baciriwemo ibice, igihe barenganyirijwe kirahagije; buri muntu agomba kuryozwa ibyo yakoze byose.

3. UBWISANZURE

Ikiremwa muntu bavuga ko “KISANZUYE” igihe gusa kibasha gutekereza; kuvuga; gukora icyaricyo cyose kitabangamiye abandi. Hari igihe cyageze mu abanyarwanda, n’ubwo bari baboshye ku mibiri, ariko bari babohotse mu mitwe; bari bisanzuye mu ntekerezo zabo, bakavuga icyo batekereza kandi bagahuriza hamwe intumbero z’igihugu; iyo bitaba ibyo ntago mu w’i 1962, abanyarwanda bari kubona “UBWIGENGE” n’ubwo bongeye bakabunyagwa. Kuri ubu umunyarwanda wese ushobora kumva ko afite ukwishyira akizana, ubwo nawe yatangira gushidikanya ku bunyarwanda bwe, kuko imbeba irya umuhini yototera isuka, bitewe n’uko umunsi nawe azahumukira akifuza gutekereza, kuvuga cyangwa gukora igikwiye, igihe nyine atagikenewe n’ubutegetsi bw’igitugu, azishaka akibure. Ku bwibyo rero “UBWISANZURE” uhereye mu ntekerezo zagutse za buri mu nyarwanda ikaba Intego igomba kugerwaho, ku giciro cyose byasaba. Kuko benekanyarwanda bakomeje kubuzwa ubwisanzure byazagera aho ntibabashe no “gutekereza” na busa. Kandi uru rugamba si urw’abanyarwanda gusa kuko abantu benshi basobanukiwe n’akamaro k’ubwusanzure mu mibereho ya buri munsi y’ikiremwa muntu. Nkuko bizwi kandi nta bwenegihugu, nta butabera; nta butabera nta bwisanzure; hanyuma y’ibyo nta bwisanzure, nta n’iterambere.

Porogaramu za RAMI-IMARAGISHYIKA

1. Guhuriza hamwe abanyarwanda bose mu kubaka igihugu gikomeye kandi hagendewe ku mbaraga za buri umwe.

2. Guharanira ko abanyarwanda bagira uburenganzira bungana n’ubwabaturage b'ibindi bihugu mu ruhando mpuzamahanga.

3. Gushyira inyungu rusange imbere y’izo umuntu ku giti cye, no guharanira ko ubutaka n’umutungo by’Urwanda biturwaho kandi bigatunga benekanyarwanda.

4. Guharanira ko leta ifata iya mbere mu guteza imbere inganda, no kuzamura imibereho y’abenegihugu.

5. Guharanira ko abaturage bose bagira uburenganzira bungana ku byiza by’igihugu, no kuzuza inshingano nk’abenegihugu.

6. Guharanira ko buri muturage wese akora akoresheje ubwenge, cyangwa imbaraga akiteza imbere, icya rimwe no guca burundu indonke zidakorerewe.

7. Guharanira ko imitungo igomba kuba iya leta ivanwa mu maboko y’abantu ku giti cyabo, icya rimwe no gusaranganya kw’inyungu mu bucuruzi ndetse no mu kazi, ku buryo baboneye.

8. Kuzamura no kwita ku mibereho y’abanyarwanda bose bageze mu za bukuru.

9. Gushyiraho uburyo bwo gufasha no guteza imbere abacuruzi bato bato mu kubona ibicuruzwa ku biciro byumvikana.

10. Kuvugurura amategeko n’imikoreshereze y’ubutaka hagendewe kubyo igihugu gikeneye, no guhagarika indonke ku bukode bw’ubutaka.

11. Gukuraho amategeko ya gikoloni yo kumva ko abafite amafaranga bonyine aribo bemerewe kugira ijambo, agasimbuzwa amategeko abereye Urwanda n’abanyarwanda bose kandi ajyanye n’igihe.

12. Kuvugurura uburyo bw’uburezi no guteza imbere abana b’abanyempano, hatitawe ku bwoko, imyemerere, icyiciro cyangwa umwuga.

13. Guca burundu igisirikare cy’abacancuro, no kubaka igisirikare cy’umwuga.

14. Guca burundu ibinyoma bya politike n’isubiranamo rya hato na hato mu itangazamakuru.

15. Kwegereza ubuyobozi abaturage, no kwimakaza demokarasi.

Indahiro yo kwinjira muri RAMI-IMARAGISHYIKA

“Njyewe, _ _ _ _ _ _ _ _ _ _ _ _ _, ndahiriye Urwanda, Abanyarwanda n’Imaragishyika zose ku mugaragaro ko nzubaha, nzashyigikira kandi nkarinda amategeko yose ya RAMI-IMARAGISHYIKA abanzi bose, haba ab’imbere mu gihugu cyangwa hanze yacyo; ko nzemera nkan’ubahiriza amategeko y’umuyobozi Mukuru wa RAMI-IMARAGISHYIKA n’amabwiriza y’abankuriye, ugendeye ku mategeko ya muvoma; ko nzarimburana imizi imyizerere ya gikotanyi n’indi isa nayo; ko nzaharanira inyungu rusange za rubanda, nkan’ubaka Ubumwe bw’abanyarwanda na muvoma. Iyi ni indahiro niteguye no gupfira nta ngingimira. Imana yo yonyine Ishobora-byose izabimfashemo.”

Icyo bisobanuye kuba Imaragishyika

Amahame agizwe n’uruhurirane rw’amategeko, indangagaciro, n’imyemerere, ni umuco muvoma uubakiyeho kandi bigakurikizwa na bose mu kuzamura no kuyobora imyitwarire ya buri Maragishyika mu mibereho rusange ya buri munsi.

“Imaragishyika, ni impirimbanyi yizewe na rubanda. Abanyarwanda badufite icyizere kuko twizerana ubwacu.”

Kuba muri muvoma ni inshingano z’icyubahiro kandi zikomeye, zubakiye ku ruzitiro rw’icyizere- icyizere mu Maragishyika ubwazo; icyizere hagati y’Imaragishyika n’abayobozi bazo; icyizere hagati y’Imaragishyika n’Impirimbanyi; icyizere hagati y’Imaragishyika n’imiryango yazo ndetse na muvoma; ndetse n’icyizere hagati ya muvoma na rubanda rw’abanyarwanda.

Mu ndahiro, twemera kurinda no gukurikiza amategeko ya muvoma. Izi ni inshingano zisaba kugirirwa icyizere n’abanyarwanda mu kuduha uburenganzira bwo gukoresha imbaraga mu cyimbo cyabo, kubera ko gusa dufite icyizere cyabo.

Imaragishyika zose zumva neza kandi zemera ko zishobora gutanga ubuzima no gutwara ubuzima bw’abandi kugira ngo zisoze inshingano zahawe. Ibi bigerwaho gusa kubera ipfundo

ry’ikizere riri mu bafatanyabikorwa. Muvoma iha inshingano zitandukanye Imaragishyika ugendeye kubyo rubanda bakeneye, ariko impamvu ya mbere y’ibanze RAMI-IMARAGISHYIKA yabayeho ni ukurwana no gutsinda intambara y’impinduramatwara ya rubanda rw’abanyarwanda, ikabakura ku ngoyi y’ubucakara. Muvoma na buri Maragishyika bagomba guhora biteguriye izi nshingano, kuri ubu ndetse n’ahazaza. Imaragishyika, ihora ari Imaragishyika-Imaragishyika Ubuzima bwose.

Abo tutaribo

Gukorera muri muvoma, bivuze gukorera hamwe n’abandi mu matsinda. Bivuze ko ingorane za buri umwe zihita zigera kuri benshi. Ni muri urwo rwego nta Maragishyika, ishobora cyangwa gushyigikira ibikorwa by’imyitwarire idahwitse cyangwa ibyemezo by’amafuti. Ibikorwa birimo guhohotera, gufata ku ngufu no gutesha agaciro undi, biteye isoni n’ikimwaro kandi bihabanye n’indangagaciro n’amahame bya muvoma kandi bisenya icyizere no kubahana.

Ibyo muvoma igomba Imaragishyika

RAMI-IMARAGISHYIKA, yiteguye gutanga buri kimwe cyose gisabwa ngo haboneke Imaragishyika twifuza zifite imyitwarire iboneye, zibasha kumva, gukurikiza, no kubana n’amahame ya muvoma, ibyo bikagaragazwa n’ibyemezo ndetse n’ibikorwa byazo. Imaragishyika zifite ubushobozi byo guhangana n’umwanzi kandi ibyo bikagaragarira mu nshingano zitandukanye. Imaragishyika zumva neza ubudashyikirwa bw’inshingano ziyemeje kwitangira, mu gutabara rubanda kandi zikabikorana ubwitonzi n’indangagaciro bihambaye, hatitawe ku nzitizi n’ugukomera kw’inshingano zahawe.

Nyuma yayo masomo, zinjira mu gisekeru k’izindi maragishyika ziteguye kwitangira no gutaba rubanda; z’injira mu itsinda ry’abasore n’inkumi, abagore n’abagabo biteguye gukorera rubanda mu gihe cy’amahoro n’intambara.

Ibyo tuzikeneyeho nyuma y’inyigisho z’ibanze ni uko ziba ari Imaragishyika zifite ubushobozi bwo kwizerwa na rubanda; zihuse mu gufata ibyemezo kandi biri ntamakemwa; kandi zifite umubiri usabwa mu guhangana n’umwanzi ku kigero cyo hejuru.

Indangagaciro za muvoma

1. Ujye ukurikiza amategeko mu bikorwa byawe byose.

2. Ujye uvugana ikinyabupfura n'ubwitonzi.

3. Ujye wirinda uburiganya igihe ugura.

4. Ujye utirura buri cyose utiye.

5. Ujye wishyura buri cyose wangije.

6. Ujye wirinda kugwa mu moshya y'umwanzi.

7. Amaso n'amatwi byawe bijye bahora bifunguye.

8. Ujye umenya umwanzi muturanye.

9. Buri gihe ujye urengera kandi urinde abana.

10. Iteka ujye uba umukozi wa rubanda.

Inzego z'imiyoborere za RAMI-IMARAGISHYIKA

Ku mpamvu y'uko Muvoma yacu atari ishyaka cyangwa ihuriro risanzwe, ahubwo ikaba gusa inzira y'ibanze yo kuyobora rubanda kugera ku nsinzi irambye, buri wese umaze kunyurwa no gusobanukirwa n'imikorere ya muvoma, birahagije ngo atangire ibikorwa byo guhashya umwanzi. Aha mu gace runaka umwanzi ashobora gutangira kurwanywa kuva ku muntu umwe, itsinda rito ndetse n'itsinda ryagutse kuko umwanzi n'ibikorwa bye biri hose, rero nta mwanya na muto wo guta. Nyuma yaho itsinda ry'imaragishyika rimaze kwaguka mu gace buri ryose rigomba kuba rigizwe n'amashami abiri. Irya Politike n'irya Gisirikare.

RAMI-IMARAGISHYIKA, yavutse mu gihe cy'intambara. Yabereyeho gutabara rubanda, hatifashishijwe ibiganiro, kuko ntago benekanyarwanda bicishwa ibiganiro, ntago aribyo byakoreshejwe ngo babe abacakara ku butaka gakondo. Niyo nzira yonyine yo kugira ngo aba bahakanyi bemezwe ko ikiremwa muntu gikwiye kwishyira kikizana. Ni muri urwo rwego

RAMI-IMARAGISHYIKA igizwe n’amatsinda magari kandi menshi agizwe n’inzego ebyiri z’uzuzanya. Urwego rwa Politike n’urwego rwa gisirikare. Uyu akaba ari umurongo w’imiyoborere uhuza icyarimwe ibikorwa bya politike na gisirikare.

1. Ishami rya Politike: ishami rishinzwe guhuza ibikorwa by’impinduramatwara no guha umurongo ibitekerezo nyarwanda no kubyimakaza.

2. Ishami rya Gisirikare: Ishami ryo gushinga igisirikare kimwe kandi cyagutse, gukora ibikorwa bya politike bisaba ingufu z’intwaro.

Buri gice kigomba kuba gifite Umuyobozi Mukuru, wunganirwa n’umuyobozi w’ibikorwa bya politike ndetse n’uw’ibya gisilikare kuva hasi kugeza ku rwego rw’igihugu. Impamvu yibi ni ukubera ko RAMI-IMARAGISHYIKA, itandukanye cyane n’uko umwanzi ashobora kubyibeshya kandi birumvikana neza ko ibikorwa-nyarwanda atashobora kubisobanukirwa.

RAMI-IMARAGISHYIKA ni Muvoma rusange ya rubanda, si Umuryango, ishyaka rya politike cyangwa umutwe w’ingabo. Rubanda rugomba kugira aho ruva n’aho rugana. RAMI-IMARAGISHYIKA ifite kugira aho ikura abanyarwanda n’aho igomba kubageza. Aho ntahandi ni ugukura abanyarwanda ku ngoyi y’ubucakara ikabageza ku mudendezo usesuye, aho umuturage ariwe ugena ikimubereye.

ISHAMI RYA POLITIKE

Iri shami rishinzwe guhuriza abanyarwanda bose ku murongo w’ibitekerezo no guhuriza hamwe amatsinda y’impirimbanyi mu k’unga ubumwe gusa ku nyungu za rubanda. Guhuza amashyaka aharanira impinduka mu Rwanda, no gusenya andi mashyaka yose ya baringa akomeje kugambanira rubanda. Inshingano zo gukomeza gusobanurira abanyarwanda n’isi muri rusange impamvu RAMI-IMARAGISHYIKA, yahisemo inzira y’intambara yiyongera kuya politike aho guca inzira y’ibiganiro. Iyi igomba guhuriza hamwe ibitekerezo n’ibikorwa bya politike bihabanye n’imyumvire y’amacakubiri ayariyo yose. Igomba gutoza abakada ba muvoma mu bikorwa bitandukanye by’impinduramatwara. Iri shami rifite gukomeza gufasha abagamburujwe

n’umwanzi gusobanukirwa n’ingaruka z’ibikorwa by’ubunyamaswa by’amaboko yabo, n’uburyo bakwiye kwitandukanya na byo.

ISHAMI RYA GISIRIKARE

Abanyamuryango b’ishami rya gisirikare, ni Imaragishyika za RAMI zitwaje intwaro z’iyongera ku mahame ya politike ya muvoma. Aba nibo isaha n’isaha bafite kujya bambarana n’umwanzi haba ku manywa y’ihangu, cyangwa nijoro; izuba ry’inzora riva cyangwa imvura y’amahindu igwa; mu byaro cyangwa mu mijyi; ma misozi cyangwa mu bibaya. Bagomba guhora biteguye guhangana n’inkotanyi aho bacakiranira hose. Aba bagomba kuba bafite imyitwarire iboneye n’ikinyabupfura byo ku rwego rwo hejuru, kugira ngo na rubanda rukomeze kugira umuhate n’ubwitange mu bikorwa bitandukanye by’impinduramatwara.

Iri rifite guhuriza hamwe imitwe yose ifite intumbero yo kuzana impinduramatwara mu Rwanda ariko gusa hagendewe ku ngingo y’ubumwe rusage bw’abanyarwanda bose, no kurimbura imigirire ihabanye n’impinduramatwara. Ishami rya gisirikare rigomba kugerageza gufasha ababaye ingaruzwa muheto bakinjira mu gisirikare cy’umwanzi kugira amahitamo ya nyayo.

Iri shami rifite mu nshingano gushyiraho amabwiriza n’imyitwarire by’umusirikare w’Igisirikare cy’impinduramatwara; gushyiraho no kuvugurura uburyo bwo kunesha umwanzi. Igomba gusuzuma umusaruro w’igisirikare kuruta kwibanda ku bw’ubwinshi bw’abarwanyi.

Aya mashami yose agomba gushyira imbaraga cyane cyane mu kwigisha rubanda, kugira ngo hatazagira n’umwe ugira icyo yireguza, atanga impamvu zidafututse zatumye akomeza kwizirika ku kizira. Ni inshingano za buri Maragishyika yose kwigisha ingaruzwa muheto z’icyaha, ariko imandwa z’ikizira nizo zigomba kwihitiramo iherezo ryazo, kuko imbabazi zidacagase ari uz’Ushobora-Byose!

Ibyo tudakeneye

Mu rwego rwo gukomeza no gushimangira porogaramu zacu ni ingenzi kugaragaza bimwe mu bintu tudashaka ko byabaho.

Nti twifuza ko inkundura y’impinduka idusubiza ahahise cyangwa ngo hongere kwimikwa ubwami cyangwa ubutegetsi bw’ahahise, binyuze n’ubundi mu makossa amwe yo gushyira inyungu bwite imbere, kuruta kubanza inyungu rusange.

Nti dukeneye iyimakazwa ry’amoko cyangwa ibyiciro runaka by’abaturage hagendewe ku mpamvu iy’ariyo yose n’umwanya w’ariwo wose. Nta gice gikwiye kwishyira cyangwa ngo gishyirwe hejuru y’ikindi, mu mahame yacu, mbere na mbere Igihugu, ubundi buri wese akagikorera ari ugukoresha imbaraga cyangwa ubumenyi.

Nubwo hari byinshi byingenzi buri muturage akwiye kuba ahuje n’undi, ntago bishoboka ko abantu bose bashobora kunganya umusaruro kandi badashobora no kunganya umuhate wo gukora cyane ko batanashobora bose gukora ibintu bimwe cyangwa bisa. Nti dushobora gushyonyagiza itumbagizwa rya rubanda rucirirtse ngo rutsikamire rubanda rwishoboye, nta cyiciro na kimwe gifite gutsikamira ikindi gusa hagendewe ku mibereho rusange. Buri wese agomba gufashwa gukora buri kimwe cya mufasha kwiteza imbere aho guhangana hagendewe ku mikoro. Nta muntu n’umwe ukwiye kwitwaza ko aturuka mu bwoko cyangwa igice cyatsikamiwe mu hahise, maze ngo nawe bitume abyitwaza arenganya ikindi gice cy’abandi cyangwa ngo yumve ko ubwoko bwe busumba ubw’abandi, ibi ntibishoboka. Nta bwoko cyangwa igice na kimwe rwose RAMI-IMARAGISHYIKA, yasezeranya ko izabafasha kwisumbukuruza hejuru y’abandi, ahubwo n’utazabasha kwikuramo iyo myumvira, akwiye gushakisha andi majyo kuko umuturage nk’uwo ntacyo igihugu cyaba kimutezemo.

IGICE CYA KABIRI

“UBUMARAGISHYIKA” UMURONGO W’IBITEKEREZO BYA RAMI-IMARAGISHYIKA

UBUMARAGISHYIKA

Intangiriro

